REWU
RWANDA EXTRACTIVE INDUSTRY WORKERS UNION

Join us for your better future

ITANGAZO RYO GUSHAKA ABAKORERABUSHAKE

Sendika REWU k'ubufatanye n'Umuryango wa Gikirisitu wa World Vision Rwanda, izakora ubukangurambaga bwo kurwanya imirimo ibujijwe ikoreshwa abana no kubasambanya; ubwo bukangurambaga buzakorerwa muri imwe mu mirenge y'Uturere twa Huye, Gisagara, Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro na Ngororero, iramenyesha abantu bose babyifuza ko ishaka abakorerabushake bo gufatanya nayo bo muri clusters ikoreramo zikurikira :

1. **CLUSTER ISHEMA**, Igizwe n'Imirenge yo mu turere twa Huye na Gisagara ariyo Kigoma, Maraba, Mbazi, Simbi, Gishubi, Ndora na Mugombwa.
2. **CLUSTER NYUNGWE**, igizwe n'Imirenge yo mu turere twa Rusizi na Nyamasheke ariyo : Nyakabuye, Muganza, Bugarama, Gitambi, Cyato, Bushekeri, Kagano, Gihombo, Rangiro, Kirimbi na Macuba.
3. **CLUSTER KIVU**: Igizwe n'Imirenge yo mu karere ka Karongi ariyo: Gishyita, Mubuga na Rubengera).
4. **CLUSTER TUNGA**: Igizwe n'Imirenge yo mu turere twa Rutsiro na Ngororero ariyo: Gihango, Mushubati, Matyazo na Nyange.

Ibisabwa uwifuza kuba umukorerabushake ni ibi bikurikira:

1. Ibaruwa yandikiwe Umunyamabanga Mukuru wa REWU isaba kuba umukorerabushake;
2. Fotokopi y'indangamuntu;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (A2) cyangwa kaminuza (A0);
4. Kuba yarize ibijyanye n'imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage;
5. Kuba azi neza indimi z'Ikinyarwanda n'Icyongereza
6. Kuba atuye muri umwe mu mirenge igize Cluster abarizwamo yavuzwe haruguru;
7. Kugaragaza abantu batatu bamuzi neza ko ari inyangamugayo;
8. Kuba afite uburambe byibuze bw'umwaka umwe m'ubukorerabushake;

Uwujuje ibisabwa byavuzwe haruguru, yohereza ibaruwa iherekejwe n'umwirondoro wujuje ibyasabwe (CV), hamwe na fotokopi y'impamyabumenyi n'Iyindangamuntu kuri email ya REWU: rewu.tradeunion@gmail.com , bitarenze taliki ya 06/12/2022 saa 17h00 zuzuye. Izizoherezwa nyuma yaho ntizizakirwa.

Abazaba bujuje ibisabwa nibo bazahamagarwa gukora ikizamini

Bikorewe i Kigali kuwa 21/11/2022

Eng. Andre MUTSINDASHYAKA
Umunyamabanga Mukuru

P.O. Box 2354 KIGALI; Location: KG 157, Av. 65, Gasabo District, City of Kigali.
E-mail: rewu.tradeunion@gmail.com **Website:** www.rewu.org.rw